No 223 Aout2019

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

## *AMBASADERI W'IGIHUGU CYA ISRAEL MU RWANDA* YASUYE IHURIRO



*Muri gahunda yo kumenya uko inzego zinyuranye mu Rwanda zikora, Ambasaderi w'Igihugu cya Israel mu Rwanda , Nyakubahwa Ron Adam, yasuye Ihuriro kugira ngo asobanurirwe imikorere yaryo, inshingano rifite n'imikoranire y'Imitwe ya Politiki mu Rwanda. Iki kiganiro kitabiriwe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. MUKABUNANI Christine, Umuvugizi Wungirije, Hon. MUKAMA Abbas n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald.*



Umuvugizi w'Ihuriro yabwiye uyu mushyitsi ko Ihuriro riteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, rikaba ari urubuga Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda yabisabye kandi ikabyemererwa ihuriramo kugira ngo ishobore kungurana ibitekerezo no kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Yamubwiye kandi ko Ihuriro ari urwego rwigenga mu micungire y'abakozi n'umutungo kandi rufite ubwisanzure mu bitekerezo no mu gufata ibyemezo mu buryo butanyuranije n'amategeko.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagarutse ku Nshingano yo kuba Ihuriro rishobora kuba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'lmitwe ya Politiki mbere y'uko bishyikirizwa inkiko mu gihe Imitwe ya Politiki ibisabye; cyangwa umuhuza mu bibazo byavuka mu Mutwe wa Politiki. Ihuriro kandi rikaba ari urwego rwubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki cyane cyane mu bijyanye n'amahugurwa agenewe abayoboke b'iyo Mitwe ya Politiki.



Muri gahunda z'amahugurwa; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yibanze cyane kuri gahunda ihoraho y'ishuri rigenewe guhugura Urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya Politiki mu bya politiki n'ubuyobozi/YPLA; aho yavuze ko iyi gahunda ikorerwa mu Mujyi wa Kigali no Mu Ntara.

Yamubwiye kandi ko hari izindi gahunda z'amahugurwa Ihuriro rikora ku bufatanye n'abandi bafatanyabikorwa; nka gahunda z'amahugurwa zigenewe abayobozi mu Nzego z'ibanze mu Mitwe ya Politiki; n'amahugurwa agenewe abagore bo mu Mitwe ya Politiki yo kubashishikariza kwinjira mu buyobozi bw'Umutwe wa politiki n'ubwo mu Gihugu muri rusange.



Mu bibazo byagarutsweho n'uyu mushyitsi ni uko Ihuriro rifasha Imitwe ya Politiki mu kwisanzura mu gutanga ibitekerezo (political space); Aha Umuvugizi Wungirije yababwiye ko mu Ihuriro Imitwe ya Politiki yose ingana haba mu kugenerwa inkunga haba no mu gutanga ibitekerezo. Yaboneyeho umwanya wo kumubwira ko Ihuriro rigizwe n'inzego enye (4) arizo Inama Rusange igizwe n'abantu bane (4) bagenwa na buri Mutwe wa Politiki ugize Ihuriro; Biro y'Ihuriro itorwa buri mezi atandatu (6), buri Mutwe wa Politiki ukaba ufite uburenganzira bwo gutora no kwiyamamaza; urwego rwa gatatu akaba ari za Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, urwa kane rukaba Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa utorwa n'Inama Rusange. Buri Mutwe wa Politiki rero ukaba ufite ijambo ringana n'undi yaba Umutwe wa Politiki uri ku butegetsi yaba n'Umutwe wa Politiki utaburimo.



## KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Inama isanzwe ya *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane,* yateranye ku wa gatatu tariki ya 21/8/2019 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro ku Kacyiru; iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Honorable. NKUSI Juvenal, *yitabirwa n'abagize Komisiyo bose na bamwe mu bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'ihuriro. Iyi nama yari igamije gusuzuma no kwemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019.*

Mu gusuzuma iyi raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezapfura no gukemura amakimbirane, mu mwaka w'ingengo y'imari, 2018-2019, Umuyobozi w'ishami ry'itumanaho n'imirimo ya Komisiyo zihoraho z'Ihuriro Bwana SINDYIHEBA Fabien, yahawe umwanya ageza ku bagize Komisiyo ibikubiye muri raporo yateguwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Yavuze ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019, Komisiyo yageze kuri byinshi binyuze mu nama zayo zisanzwe n'izidasanzwe zateranye, birimo:

**Kuvugurura Amategeko Ngengamikorere** Ihuriro ryagenderagaho kuva mu mwaka wa 2014. Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro avuguruye yemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 27 Ukuboza 2018.

**Kugurura Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro n'abayoboke bayo,** ryagenderagaho kuva mu mwaka wa 2014. Indangamyitwarire ivuguruye yemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 28 Werurwe 2019.

Kugira uruhare mu itegurwa ry'**inama nyunguranabitekerezo ku byavuguruwe mu Itegeko Ngenga n° 10/2013 OL** ryo ku wa **11/7/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki**. Iyi nama nyunguranabitekerezo yateguwe n'Ihuriro ku bufatanye n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), inama yitabiriwe n'abayobozi mu Mitwe ya Politiki bashinzwe amategeko, abakozi bahoraho mu Mitwe ya Politiki, abahagarariye Urwego rw'umuvunyi, abagize Komisiyo zihoraho mu Ihuriro.

Kugira uruhare mu itegurwa n'itangwa ry'**amahugurwa ya Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Igihugu**.

**Kuvugurura igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro**. Iki gikorwa kikaba kizakomeza mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020.

Nyuma yo kugezwaho, raporo y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no Gukemura Amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019, abagize Komisiyo bishimiye ibyo bagezeho, bashima buri wese witanze kugira ngo ashobore kubahiriza gahunda z'imirimo ya Komisiyo, cyane ko akenshi inama za Komisiyo zabaga ku mugoroba nyuma y'akandi kazi.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro witabiriye inama ya Komisiyo, ashimira abakozi b'Ihuriro, anashimira abagize Komisiyo ibitekerezo batanze.

## KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Inama isanzwe ya *Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi nzego,* yateranye ku wa kane tariki ya 22/8/2019 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Honorable NYIRAHIRWA Veneranda, *yitabirwa n'abagize Komisiyo na bamwe mu bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'ihuriro. Iyi nama yari igamije gusuzuma no kwemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019.*

Mu gusuzuma iyi raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ya Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi nzego, mu mwaka w'ingengo y'imari, 2018-2019, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'imirimo ya Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, Bwana SINDAYIHEBA Fabien, yahawe umwanya ageza ku bagize Komisiyo ibikubiye muri raporo yateguwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Yavuze ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019, Komisiyo yageze kuri byinshi binyuze mu nama zayo zisanzwe n'izidasanzwe zateranye, birimo:

**Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2018 -2019; itanga inama za ngombwa.**

**Gusuzuma no gusesengura raporo z'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo by'Ihuriro** mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, na raporo y'amezi atandatu ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari 2018-2019. Izi raporo zateguwe n'Umugenzuzi wigenga, zikaba zose zagaragaje ko imari n'umutungo by'Ihuriro bicunzwe neza. Komisiyo yashimye ko imari n'umutungo by'Ihuriro bicunzwe neza, inatanga inama kugira ngo Ihuriro rizakomeze kugira *clean audit report*.

**Gusuzuma Inyandiko y'isesengura rya Gahunda y'ingamba z'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka ibiri n'igice ishyirwa mu bikorwa** (NFPO Strategic Plan/ Mid Term Review, July 2016 - December 2018); **no gusuzuma Inyandiko y'ibikorwa bizitabwaho muri Gahunda y'ingamba z'ibikorwa by'Ihuriro mu myaka ibiri n'igice** (NFPO) Strategic Plan Reviewed for January 2019 - June 2021).Komisiyo yashimye ko ku bikorwa 67 bikubiye mu igenamigambi ry'Ihuriro mu myaka itanu, mu gihe cy'imyaka ibiri n'igice, hakozwe ibikorwa 62 bigikomeza bihwanye na 92.5%.

**Gusuzuma no kwemeza Inyandiko ya Gahunda y'Ihuriro y'igihe kirekire yo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro**(*NFPO Long Term Capacity Building for Political Parties members of the Forum).*

**Gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku nyandiko y'ingamba zo kongera umutungo n'imari by'Ihuriro**/ *NFPO Resources Mobilization Strategy.* Iyi nyandiko ikaba izajya yifashishwa n'Inzego z'Ihuriro mu bikorwa byo gushaka uko ingengo y'imari n'umutungo by'Ihuriro byiyongera no kongera abafatanyabikorwa b'Ihuriro.

Nyuma yo kugezwaho raporo y'ibikorwa bya Komisiyo no kungurana ibitekerezo,abagize Komisiyo bishimiye ibyo bagezeho mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abayitabiriye ibitekerezo batanze.

## *KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO*

*Inama isanzwe ya Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo, yateranye ku wa gatanu tariki ya 23/8/2019 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Madamu MUTIMUKEYE Nicole, yitabirwa n'abagize Komisiyo na bamwe mu bakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'ihuriro. Iyi nama yari igamije gusuzuma no kwemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019.*

Mu gusuzuma iyi raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Itumanaho no kungurana ibitekerezo, mu mwaka w'ingengo y'imari, 2018-2019, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'imirimo ya Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, Bwana SINDAYIHEBA Fabien, yahawe umwanya ageza ku bagize Komisiyo ibikubiye muri raporo yateguwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Yavuze ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019, Komisiyo yageze kuri byinshi binyuze mu nama zayo zisanzwe zateranye, birimo:

**Gutegura urutonde rw'insanganyamatsiko zaganiriweho mu nama z'Inama Rusange zisanwe z'Ihuriro.** Uyu mwaka ukaba wararangiye Inama Rusange iganiriye ku ngingo zikurikira:

1. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kurwanya ibiyobyabwenge;
2. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane;
3. Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana;

**Kugira uruhare uruhare mu itegurwa n'itangwa ry'ikiganiro ngarukamwaka cyanyuze kuri Radiyo Rwanda ku munsi mukuru w'ubwigenge bw'u Rwanda**, tariki ya 01 Nyakanga 2018. Iki kiganiro cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: **"Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere demokarasi u Rwanda rwahisemo";** kikaba cyari kigamije gukomeza kugaragariza Abanyarwanda uburyo Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki bo mu Rwanda muri iki gihe biyemeje kugendera ku mahame ya demokarasi no gukora politiki yubaka u Rwanda ikanateza imbere Igihugu n'abagituye nta guheza.

**Kugira uruhare mu itegurwa ry'inama nyunguranabitekerezo ku Imikoranire ikwiye kuranga Umunyapolitiki n'Itangazamakuru** (Relationship between Politician and Media/ Relations entre Politicien et Media).Iyi nama yateguwe ku bufatanye bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere (RGB) n'Ihuriro**,** yitabirwa n'Abayobozi mu Mitwe ya Politiki bashinzwe itumanaho n'itangazamakuru, abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, umuyobozi w'Urugaga rw'abagore muri buri Mutwe wa Politiki, umuyobozi w'Urugaga rw'urubyiruko muri buri Mutwe wa Politiki, abahagarariye ibitangazamakuru bikorera mu Rwanda, n'abahagarariye izindi nzego z'abafatanyabikorwa b'Ihuriro.

**Kugira ruhare mu gutoranya insanganyamatsiko izashyirwa ku kimenyetso cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;** ikimenyetso kizubakwa ku cyicaro cy'Ihuriro.Inama Rusange y'Ihuriro, ikaba yarakoze ubugororangingo ku nsanganyamatsiko yashyikirijwe na Komisiyo, yemeza ubutumwa bukurikira:*"**Twebwe abagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki twamaganye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, duharanira imiyoborere myiza"***.

**Kugira uruhare mu kuvugurura Inyandikompine y'Ihuriro, inatanga ibitekerezo ku ivugururwa ry'Urubuga rwa Interineti rw'Ihuriro (NFPO Webesite).**

Nyuma yo kugezwaho raporo no kungurana ibitekerezo, abagize Komisiyo bishimiye ibyo bagezeho mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019, basaba ko ibikorwa bitagezweho byazitabwaho muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abayitabiriye ibitekerezo batanze.